Itegeko N° 21/86 ryo ku munsi wa 10 wa nyakanga 1953 ryerekeye uburyo bga ishyiraho rya itegeko ryo ku munsi wa 14 wa nyakanga 1952 rya Imitegekere mishya ya Rwanda-Urundi.-

---

Mburamatare wa Rwanda-Urundi,

Amaze kubona ibgiriza ryo ku munsi wa 21 wa tumba nyakime 1925 rya Ubutegetsi bwa Rwanda-Urundi;

Amaze kubona iteka ryo ku munsi wa 11 wa ukuboza 1926 lyubahiriza iryo ibgiriza;

Amaze kubona itegeko ryo ku munsi wa 14 wa nyakanga 1952 ryerekeye imitegekere mishya ya Rwanda-Urundi;

Ategetse:

Igice cya I.

Ibya ibara rya abantu na ibya iyimuka.

Ingingo ya 1.

Umuturage wese wa umuhungu ukuze kandi utuye muli Rwanda-Urundi, agomba kwibgiriza kwiyandikisha igihe cya ibarura rya abantu.

Umuturage wese wa umuhungu ukuze agomba gukurikiza iryo tegeko mu minsi 30 ya mbere agereyemo mu gihugu.

Ingingo ya 2.

Iyandikwa ryateganijwe ku ingingo ishize litangirwa urwandiko rwemeza ko amenyekanye.

Ingingo ya 3.

Umuturage wese wa umuhungu ukuze agomba kwitaba aho Administrateur wa Territoire yategetse, ku munsi yategetse, igihe cya ibarura rya abantu.

Ingingo ya 4.

Iyandikwa rya ibarura rya abantu na igenzura lya uko bigitunganye bikorerwa ku rurembo rwa intara cyanga ahandi herekanywe na Umutware wa intara, akerekana na abategaka ba abaturage bagomba kubishyikirizwa. Abo baturage bagomba kubanza kwemerwa na Administrateur wa Territoire.

Ingingo ya 5.

Umuturage wese agomba kugira urwandiko rwemeza kwimuka rutanzwe na Umutware wa intara cyanga intumwa ye:

1°- iyo avuye mu ntara atuyemo azamara igihe kirenze iminsi mirongo itatu ikurikiranye;
2°- iyo avuye iwe ajya kumara igihe kingana gityo mu kindi gice cya intara atuye mo gitegekwa na abatari abaturage.

Ingingo ya 6.

Urwandiko rwemeza kwimuka rushobora kuba urwa uruzinduko cyanga urwo kwimuka rwose. Urwandiko rwo kuzinduka rugomba kumenyesha neza iminsi rutangiwe. Iyo minsi ishobora kwongerwa na Administrateur wa Territoire yazindukiyemo cyanga intumwa ye.

Urwandiko rwemeza kwimuka rwandikwa ku rupapuro rwemeza ko amenyekanye rugasobanura aho ajya na impamvu itumye barumuha.

Ingingo ya 7.

Umutware wa intara cyanga intumwa ye areba ko gutanga urwandiko rwa uruzinduko bitunganye.

Urwandiko rwemeza kwimuka rugomba gushyirwaho umukono na Administrateur wa Territoire cyanga intumwa ye.

Ninako bimera iyo urwandiko rwa uruzinduko rusabgwa na abagore, abakobgwa ba amakumi cyanga abana ba abahungu cyanga abakobgwa bashaka kujya mu midugudu ya amabereji.

Iyo imilimo itegetswe ya ihinga rifasha abaturage mu bibatunga ibyigombye, Administrateur wa Territoire ashobora gutegeka ko urwandiko rwa uruzinduko rujya rumunyuraho akarushyiraho izina. Icyo cyemezo kigomba gutangirwa impamvu kandi ntigishobora kumara igihe kirenze amezi atatu.

Ruhengeri
58

Ingingo ya 8.

Umutegetsi ufite ubgo bubasha agomba guha urwandiko rwo kwimuka:

1°- umugore ufite umugabo,na abana batarubaka, bajyanye na umuturage wahawe urwo rwandiko cyanga bashaka gukurikira abagabo babo cyanga ba se;

2°- abaturage baturutse mu bihugu bikikije Rwanda-Urundi bashaka kwimuka;

3°- abaturage bashaka kujya mu bigo bya abihaye Mungu cyanga bya aho bigishiriza,abakuru babyo barabanje kubemerera kuza kubirererwamo;

4°- abaturage bakorera Leta cyanga bali ku umulimo wa abandi bakoresha bakurikiye amategeko yashyizweho na Leta yerekeye contara ya umulimo;

Mu bihe byateganijwe mu bibezi 3° na 4° byo haruguru aha,iminsi ya urwo rwandiko izajya igerwa kuya ishuli cyanga iya umulimo byamuhesheje urwo rwandiko.

Aliko lero, urwandiko rwo kwimuka rushobora kwimanwa:

a)- iyo urwaka afite imanza mu nkiko;

b)- iyo amategeko ya abaganga amubujije kugenda;

c)- abagore batemerewe na abagabo babo kujya mu rugendo bifuza;

d)- abaturage ba abana badafite uruhushya rwa ababyeyi babo cyanga urwa ababareye mu kigwi cya ababyeyi.

Urwandiko rwo kwimuka rushobora kandi kwimanwa aliko kubyerekeye abaturage basa bavuzwe mu kibezi cya 4° haruguru:

a)- iyo amategeko ya umuco wa igihugu, yemewe neza, yabanjirije iryo saba rya urwo rwandiko kandi adashoboye kubangikana na irangiza rya contara ya umulimo,abuza abaturage babishaka;

b)- iyo ali abaturage bafitanye amasezerano na abandi;

c)- iyo ali abaturage baturuka mu gihugu gifunzwe kubera impamvu izo alizo zose, habujijwe gutora no gukoresha abantu bagituyemo;

Iyo abo babishaka bajuriye, Administrateur wa Territoire cyanga Rezida ashyiraho icyemejwe gitumye atanga cyanga yimana urwandiko rwo kwimuka bitewe na uko urwo rwandiko rwaba rwimanwe na umutware wa intara cyanga na Administrateur wa Territoire.

Umutware wa intara byerekeyeho ahora amenyeshwa itangwa rya urwo rwandiko.

Ingingo ya 9.

Umuturage wese basanze muli Territoire yindi cyanga mu gice cya Territoire yabo kandi atashoboraga kuhaba adafite urwandiko rwo kwimuka avugwaho ko yaciye ku byategetswe na ingingo ya 5 keretseiyo yerekanye impamvu zibivuguruza.

Ingingo ya 10.

Umuturage wese utegetswe kwiyandikisha,kandi wemerewe kwimukira muyindi ntara afite urwandiko rwo kwimuka rwose,agomba kuhiyandikishiriza mu mezi atatu ya mbere akigerayo. Iryo yandikwa rishyirwa no ku rwandiko rwemeza ko amenyekanye.

Umuturage wese basanze mu ntara atarahiyandikisha,kandi amaze iminsi ijana ahawe urwandiko rwo kwimuka avugwaho ko ahamaze amezi atatu arenga,keretse yerekanye impamvu zibivuguruza.-

Ingingo ya 11.

Umuturage wese ashobora kubazwa na Abategeka ba Leta yo muli Afrika, abafasha babo cyanga abategeka ba abaturage akerekana ko yakurikije amategeko yerekeye ibarura rya abantu na iyimuka.

Ingingo ya 12.

Umuturage udafite ibimenyetso bitegetswe,aliko akerekana ko yakurikije amategeko yerekeye ibya ibarura na inzandiko za iyimuka,Administrateur wa Territoire cyanga intumwa ye ategetswe kubimenyesha, amuha urwandiko abuze.

Ingingo ya 13.

Umuturage ubibajijwe na abakuru babifitiye ububasha,ntashobore kwerekana ko yakurikije neza amategeko yo mu byerekeye ibarura rya abantu na urwandiko rwo kwimuka,ashobora guhanishwa igifungo cya iminsi ilindwi na amafrang atarenze ijana cyanga kimwe muli ibyo bihano, kubera iminsi iyo aliyo yose amaze yubatse cyanga yimutse ku buryo buciye ku mategeko.

Urukiko rushobora gutegeka abaturage bo muli Kongo na abo muli Rwanda-Urundi gusubira aho baturutse kubera impamvu zavuzwe ku kibezi gishize. Ibyo bakabyandika mu gatabo ka umusoro ka uwo wirukanwe.

Umuturage wanga gukurikiza icyemejwe mu gihe cyategetswe na urubanza, abafasha ba abategetsi bashobora kumufatira aho bamubonye hose bakamwohereza iwabo.

Aliko lero nta gihano akwiye:
1. umuturage warangije amategeko,aliko mu gihe cyo ~~kubibazwa akaba yaribagirwe~~ kubikora mu gihe cyateganijwe ku kibezi cya mbere cya iyi ngingo;
2. umuturage,wijyanye ubwe agakurikiza amategeko, mu gihe cyo kubibazwa.

Ingingo ya 14.

Acibwa ibihano byateganijwe ku kibezi cya I cya ingingo ishize:
1. umuturage ukoresha nkana urwandiko rwemeza cyanga urwandiko rwo kwimuka rwahawe undi muturage;
2. umuturage wahawe izo nzandiko uzitiza undi mu gitekerezo cyo gushuka Leta;
3. umuturage ukoresha urwandiko rwo kwimuka mubyo rutagenewe abizi neza cyanga igihe cyarwo cyarashize.

Ingingo ya 15.

Yahanishwa igihano cya amafranga guhera ku ijana kugera ku bihumbi bibili:
1. umuntu wese wakura umuturage mu ntara ye, cyanga uwemera kumucumbikira igihe kirenze iminsi mirongo itatu adafite inzandiko zo kwimuka;
2. abategaka bagenewe ibyo kwandika,birengagiza gutanga vuba urwandiko rwemeza ko umuntu yamenyekanye, ruvugwa ku ngingo ya 2.

Igice cya II.

Ivuga rya abavuka na abapfa.

Ingingo ya 16.

Ivuga rya abavuka na abapfa litegekwa gukurikizwa mu ntara cyanga mu misozi Rezida azerekana.

Igice cya III.

Ingingo ya 17.

Ibya abaturage.

Urugo umuturage abamo kurusha izindi ni urwo yavuze mwi iyandika rya ibarura rya abantu.

Igice cya IV.

Ibya abategetsi kavukire na inama.

Ingingo ya 18.

Iyandika lya impapuro za amazina ya abanyacyubahiro bo ku misozi,uko babahitamo na uko batorwa na uko abajyanama bitorera abandi bo mu zindi nama bakurikiza ubu buryo:

1°- Inama ya umusozi.

Uko imyaka itatu ihise,ku cyumweru cya mbere cya nzeri,ubgambere bitaragera ku umunsi wa 4 wa nzeri 1953, umutware wese wa umusozi yandika impapuro 2 za amazina ya abanyacyubahiro bose batuye ku musozi we bashoboye kandi bakwiye kuvugira abaturage icyo bifuza, akazohererereza umutware wa intara.

Urwo rupapuro ruzandikwaho:
abanyacyubahiro batali hasi ya 10 ku misozi ituweho na abantu basora batageze kuli 500
abanyacyubahiro batali hasi ya 14 ku misozi ituweho na abantu basora kuva kuli 500 kugera ku 1.000
abanyacyubahiro batali hasi ya 18 ku misozi ituweho na abantu basora kuva ku 1.000 kugera ku 1.500
abanyacyubahiro batali hasi ya 20 ku misozi ituweho na abantu basora barenze 1.500.-

Umutware wa intara yereka Administrateur wa Territoire urwo urupapuro rwa amazina yabanje kwemera, mbere ya umunsi wa 15 wa ukwakira gukurikira.

Urupapuro rwa amazina yemewe na umutware wa intara kandi yemejwe na Administrateur wa Territoire rumanikwa ahantu hagaragara kandi rugatangazwa. Ukwezi kwashira rumanitse, abanyacyubahiro bagatangira guhitamo abajyanama ba inama ya umusozi.

Iryo hitamo likorwa bandika ku mpapuro:
Umunyacyubahiro wese ahabga urupapuro rufite ikimenyetso cya Territoire,akarwandikaho amazina ya abanyacyubahiro muli babandi banditse ku rupapuro rwa amazina, ashaka ko baba abajyanama.

Abanyacyubahiro batazi kwandika no gusoma ~~bihitiramo ahantu babandikira.~~
Impapuro zigashyirwa mu kabindi.

Imigenzereze yo gutora iyoborwa na umutware wa intara afashijwe na abatware ba imisozi 2 umwe ali nyirumusozi iryo tora libera ho. Libera ahantu umutware wa intara yerekanye kandi hemewe na Administrateur wa Territoire.

Irobanura rya impapuro za amazina ya abatowe rikorwa na umutware wa intara afashijwe na abatware ba imisozi bavuzwe haruguru.

Irobanura rishize, impapuro za amazina ya abatowe zohererezwa Administrateur wa Territoire hamwe na urwandiko rwa amagambo make asobanura uko byakozwe, akabishyira aho babika inzandiko za Territoire. Ashobora kuzica hashize amezi atandatu zihageze.

Abanyacyubahiro batowe na benshi ni bo bemerwa kuba abajyanama ba inama ya umusozi. Abo batowe Administrateur wa Territoire abimenyesha umuntu wese abimwandikiye. Urwandukuro rumwe rugahabwa umutware wa intara akarubika mu nzandiko za intara.

2°- <u>Inama ya intara</u>.

Umubare wa abajyanama ba inama ya intara utegetswe utya:

| umubare wa abajyanama ba inama yose | Intara zifite umubare wa aba abantu basora: | |
|---|---|---|
| | Rwanda | Uburundi |
| 10 | 3.000 | 3.000 |
| 12 | 5.000 | 9.000 |
| 14 | 7.000 | 15.000 |
| 16 | 9.000 | 21.000 |
| 18 | 10.000 | 27.000 |

Ishyirwaho rya abanyacyubahiro batatu ba inama yose ya umusozi rikorerwa ku nzandiko, bakurikije uburyo bgateganijwe haruguru aha.

Ibyo bikorerwa ahantu ho ku musozi hemejwe na umutware wa intara, hemewe na Administrateur wa Territoire. Bikorwa biyoborwa na umutware wa intara, nko mw'irobanura, afashijwe na abatware ba imisozi babiri.

Uko bishobotse kwose, iryo tora riba uwo mwanya likurikira itoranya rya abanyacyubahiro bemejwe kuba abajyanama ba inama ya umusozi.

Abatware ba imisozi batorwa na bagenzi babo na abanyacyubahiro ba abajyanama ba inama ya umusozi bahiswemo na umutwe wa abantu baotra, itorwa ryabo ribera ku rurembo rwa intara.

Batora bandika bakurikije uburyo bwategekewe inama ya umusozi.

Iyo migenzereze na iryo robanura rya impapuro za abatowe biyoborwa na umutware wa intara afashijwe na abatware ba imisozi babiri yitoreye kandi bemewe na Administrateur wa Territoire.

Iyo irobanura lya impapuro rirangiye, bakora uko byategekewe inama ya umusozi.

3°- <u>Inama ya Territoire</u>.

Ishyirwaho rya abanyacyubahiro bagenewe kuba mu mutwe wa abatora rikorwa ku buryo bgavuzwe ku nama ya intara.

Abatware ba imisozi na umutwe wa abatora bateranira ku rurembo rwa Territoire kugirango bamwe batore bagenzi babo, abandi ababo.

Iryo tora rikorwa bandika ku buryo bgavuzwe mu byerekeye inama za imisozi na intara.

Iyo migenzereze na irobanura rya impapuro biyoborwa na Administrateur wa Territoire akabimenyesha abatowe kandi akagumana impapuro.

4°- <u>Inama nkuru ya igihugu</u>.

a) <u>Itorwa rya abatware ba intara</u>.

Abatware ba intara bose bateranira ku Umurwa wa Ubutegetsi bwa Igihugu kugirango batore bagenzi babo, bayobowe na Umwami afashijwe na umutware wa intara umwe cyanga babiri yitoreye kandi bemewe na Rezida.

Itora rikorwa bandika nkuko byavuzwe ku zindi nama zose.

Iyo migenzereze na irobanura rya impapuro za abatowe bikorwa biyobowe na Umwami afashijwe na umutware umwe cyanga babiri bavuzwe haruguru.

Iyo irobanura rirangiye, impapuro za abatowe bazohereza Umwami hamwe na urwandiko mu magambo make, rusobanura uko byakozwe, nawe lero akandikira abatowe akabibamenyesha. Urwandukuro rumwe rukohererezwa Rezida.

b) Itorwa rya abanyacyubahiro.

Rikorwa bandika, mu nteko ya inama ya Territoire yose mu gihe inama iteranira bisanzwe cyanga bidasanzwe. Irobanura rya impapuro za abatowe rigirwa na umuyobozi wa inama, Administrateur wa Territoire akamenyesha Umwami na Rezida uko byabaye.

c) Abajyanama ubwabo bitorera abandi.

Ibya abajyanama ubwabo bitorera abandi ba inama nkuru ya igihugu byongeye kuvugwa ku gika d) na e) bya ingingo ya 28,4° ya itegeko ryo ku munsi wa 14 wa nyakanga 1952 bikorwa bandika bakurikije urupapuro rwa amazina atali hasi ya 16 yanditswe na Umwami.

Nyamara umuntu wese ufite impamvu zatuma torwa yabyisabira cyanga akabisabirwa na undi. Kugirango byemerwe, isaba rigomba kugera kwa Rezida nibura mbere ya iminsi 15 bataratora, ari urwandiko rushinganye (recommandé), hanyuma rikazamanikwa ku rurembo rwa Rezida,ku Umurwa wa Ubutegetsi bwa Igihugu, ku rurembo rwa za Territoire,bigatangazwa kandi bikarangwa mu byaro.

Itangaza rya umunsi abajyanama bazitorera abandi riba nibura mbere ya iminsi 30 yo kubikora.

Ingingo ya 19.

Abajyanama batatu ba ubuganzi buhoraho bagomba gutorwa na inama nkuru ya igihugu batorwa bandika kandi bakareba abatowe na benshi.

Umujyanama wese wa inama nkuru ya igihugu ashyira mu kabindi urupapuro rwashyizweho ikimenyetso cya Ururembo rwa Rezida,rwanditseho amazina ya abo batatu atoye. Irobanura rya izo mpapuro za abatowe rikorerwa mu iteraniro rya inama iyobowe na Umwami afashijwe na abatware babiri ba intara baruse abandi ubukuru ba abajyanama ba inama nkuru ya igihugu.

Ingingo ya 20.

Umuyobozi wa inama yose ategetswe gutumira umujyanama wese hasigaye iminsi 8 iteraniro rikaba.

Ingingo ya 21.

Inama za imisozi ziterana nibura kane mu mwaka,izindi nibura kabiri mu mwaka.

Ingingo ya 22.

Imihango inama zikurikiza zigibga imeze itya:

1°- Aho inama zibera.

Inama yose ishobora kubera aho ishaka mu cyaro cyayo.

2°- Itangaza.

Iterana rya inama ribera mu ruhame. Aliko lero,umuyobozi wa inama ashobora guheza akayijyanamo na abajyanama gusa:
a) iyo mu bajyanama baraho ababisabye aribo benshi.
b) iyo abategaka ba Territoire babisabye umuyobozi,bamwandikiye cyanga babimubgije ururimi; ubgo lero bikandikwa mu magambo ya ibyavuzwe mu nama.
c) iyo inama ihamagariwe kureba ibyerekeye umwe mu bajyanama bayo udatunganye.

3°- Amagambo yo mu nama yandikwa:

Iyandika rya amagambo mu nama lyateganijwe na ingingo ya 33 ya itegeko ryo ku munsi wa 14 wa nyakanga 1952,ryandikwa mu kirundi iyo ali ibya i Burundi cyanga mu runyarwanda iyo ali ibya i Rwanda. Aliko lero ibyavuzwe mu nama nkuru ya igihugu byandikwa no mu gifransa.

Inzandiko za amagambo ya inama zandikwaho amazina na Umuyobozi hamwe na Umwanditsi.

Impapuro za mbere zanditsweho amagambo ya inama zirabikwa.

Urwandukuro rumwe rukohererezwa Administrateur wa Territoire cyanga Rezida, mu minsi 8 inama ishize.

4º- Ibikwa rya inzandiko.

Umuyobozi wa inama yose niwe ubika inzandiko za inama keretse iza inama ya Territoire aho inzandiko zibikwa na Administrateur wa Territoire mu biro bya Territoire akaba aliwe uzibazwa.-

5º- Impaka.

Umujyanama wese kugirango agire icyo avuga mu mpaka ategetswe gusaba uruhushyaumuyobozi.-

Ntawe ushobora kurogoya undi mu byo avuga keretse umuyobozi niwe wabibasha.

Umuyobozi yihaniza umuntu uvuga amagambo adahuye na imigenzereze itunganya igihugu, na imigenzo ya ubupfura cyanga atuka abantu.

Ingingo ya 23.-

Amategeko na amateka yashyizeho itegeko Nº 347/A.I.M.O. ryo ku munsi wa 4 wa nzeri 1943 atanyuranije na iri tegeko azagumaho kugeza igihe azakurirwaho na endi mashya.-

Ingingo ya 24.-

Itegeko ryo ku munsi wa 14 wa nyakanga 1952 ryerekeye ubutegetsi bga Rwanda-Urundi na iri tegeko bizatangira ku munsi wa 1 wa tumba-nyakime 1953.-

Usumbura, kuwa 10 wa nyakanga 1953.-
CLAEYS BOUUAERT.-

Uko byandukuwe niko bili
kugirango bimanikwe ku Rurembo
rwa Rezida wa Urwanda na uwa Uburundi.

Usumbura, kuwa 10 wa nyakanga 1953.-
Le Secrétaire Provincial,
(sé) N.MULLER.-